IMYANZURO Y'INGENZI Y'UMWIHERERO WA GATANU W'ABAGIZE GUVERINOMA N'ABANDI BAYOBOZI BAKURU B'IGIHUGU WABEREYE MURI AKAGERA GAME LODGE KU MATARIKI YA 24-28 GASHYANTARE 2008

I. INTERURO

Guhera ku itariki ya 24 kugeza ku ya 28 Gashyantare 2008, muri Akagera Game Lodge, habaye Umwiherero wahuje Abayobozi Bakuru b'Igihugu cyacu, barimo Nyakubahwa Perezida wa Sena, Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Abagize Guverinoma, Abaguverineri b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Abambasaderi, Abanyamabanga Bakuru muri za Minisiteri.

Muri uwo Mwiherero hatumiwemo kandi Abayobozi Bakuru b'Ingabo n'Abayobozi bakuru ba Polisi y'Igihugu, Abayobozi b'izindi nzego za Leta (Ombudsman, Auditor General, Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika, Umunyamabanga Mukuru wa NSS, Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Repubulika), Abanyamabanga Bakuru mu Nteko Ishinga Amategeko (Imitwe yombi) n'uw'Urukiko rw'Ikirenga, Abayobozi b'Ibigo bya Leta n'Abayobozi ba za Kaminuza za Leta. Hatumiwe na none Umunyamabanga Mukuru wa RPF n'abahagarariye Urugaga Nyarwanda rw'Abikorera.

Umwiherero watangijwe kandi uyoborwa na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika. Mu ijambo ritangiza inama, yibanze ku ngingo nkuru zikurikira:

- Umwiherero ni umwanya wo kwibukiranya inshingano no gufata ingamba nshya zo guteza imbere igihugu tugasuzuma ibikorwa ari ibyo mu gihugu ndetse no hanze;
- Igihugu gifite **"vision"/icyerekezo** inzego zose zigomba guhuriraho, ariko ikibazo ni **"sustainability"** yayo. Hanze bashima ibikorwa byacu, ariko iyo "sustainability" itabayeho ntacyo twaba turusha abandi banyafurika. Ibi biradusaba guhindura imitekerereze, imyitwarire kugira ngo gahunda nziza dufite zigaragarire mu bikorwa.

  Aha Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yasabye abari mu Mwiherero, bahagarariye inzego zose za Leta n'iz'Abikorera, kungurana ibitekerezo ku ruhare zagira mu ishyirwa mu bikorwa rya "vision" duhuriyeho;

- Yibanze kandi ku ngero zikurikira:

  - Gahunda ziteganijwe mu buhinzi ntizishyirwa mu bikorwa uko bikwiye ku buryo butagira umwanya bugomba kugira muri GDP;
  - Ubucamanza mu mikorere yabwo, mu bwigenge bwabwo, bukwiye kugaragaza uruhare rwabwo mu gushyira mu bikorwa iyo "vision" nko guhana abanyamakosa butajenjeka.

- Yasoje iri jambo akangurira Abayobozi bari mu Mwiherero n'Abanyarwanda muri rusange kwita ku murimo, bashyira imbere ibifite akamaro kugira ngo buri mwaka Umwiherero ujye utuma hari intambwe iterwa.

Nyuma y'iryo jambo ritangiza Umwiherero, Nyakubahwa Perezida wa Sena amaze gushima ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yavuze ibikorwa Sena yagezeho umwaka ushize, n'iby'ingenzi biteganyijwe muri uyu mwaka wa 2008 bijyanye n'inshingano ihabwa n'Itegeko Nshinga mu rwego rw'ubwuzuzanye n'izindi nzego za Leta.

Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite nawe yashimye ubutumire n'ijambo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yari amaze kugeza ku bari mu nama. Yibanze ku gitekerezo cy'uko Abanyarwanda bagomba kwiteza imbere ubwabo, aho kurambiriza ku nkunga ziva hanze. Yibukije ko hagomba gufatwa ingamba kugira ngo manda y'Abadepite izasozwe neza.

Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yibukije ko uruhare rw'urwego rw'ubucamanza mu gushyira mu bikorwa icyerekezo cy'Igihugu ari ugutuma amategeko yubahirizwa, abayarenzeho bakabihanirwa. Muri urwo rwego, yavuze ko inkiko zahawe amabwiriza yo kwihutisha imanza zijyana n'ibyaha bibangamira gahunda z'iterambere. Yagaragaje n'inzitizi bahura nazo, n'ingamba zafashwe mu rwego rwo kunoza imikorere y'ubucamanza mu kuzuzanya n'izindi nzego.

II. UKO INAMA YAGENZE

Nyuma y'ikiganiro gitangiza inama, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe yatanze raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Umwiherero w'umwaka wa 2007. Iyi raporo igizwe n'ibyiciro 2:

a) Ibirarane by'Umwiherero wa III wo mu 2006:
   Aha yavuze ko ibirarane hafi ya byose byarangijwe cyangwa se byatangijwe, nk'ibigomba igihe kirekire;
b) Ku myanzuro y'Umwiherero wa IV wa 2007:
   Raporo yagaragaje ko muri rusange imyanzuro yashyizwe mu bikorwa ku mpuzandengo ya 76,5%.

Ibindi biganiro byatanzwe ni ibi bikurikira:

01. **Ubukungu**:
    - uruhare rw'abikorera,
    - ishoramari,
    - kohereza ibicuruzwa mu mahanga
    - ubuhinzi bwa kijyambere,
    - amakoperative n'Ibigega by'Imari Icyiriritse,
    - ubuhinzi bukoresha imashini no gushakira umusaruro isoko,
    - imikoreshereze y'ubutaka n'ibidukikije;

02. **Imibereho myiza**:

- uburezi bw'ibanze, amashuri makuru, ibigo by'imyuga, guteza imbere ubumenyi n'ikoranabuhanga;
- korohereza abakozi b'abanyamahanga dukeneye ku isoko ry'umurimo;
- ingamba zo kubungabunga ubuzima bw'abaturage;
- ubwikorezi, ingufu n'ibikorwa remezo mu rwego rw'akarere;

03. **Imiyoborere myiza:**

- kubaka no kongera ubushobozi mu miyoborere myiza mu nzego za Leta no mu nzego z'ibanze;
- uruhare rwa za Ambasade mu guteza imbere ishoramari;
- iyinjira ry'u Rwanda muri EAC.

Buri kiganiro cyagiye kigaragaza ibyagezweho, inzitizi n'uburyo bwo kuzikemura. Cyagiye kandi gikurikirwa n'ibibazo, inama n'ibitekerezo by'abari mu Mwiherero biza kugaragazwa mu myanzuro yafashwe.

III. IMYANZURO Y'INGENZI

Kurangiza ibirarane by'imyanzuro yafashwe mu 2006 no mu 2007.

A. Mu rwego rw'Ubukungu

1. MINECOFIN: Kwigisha Abanyarwanda uruhare rwa "Finan cial sector" n'isoko ry'imari n'imigabane mu iterambere, kugira ngo bagane iryo soko ari benshi;
2. MINICOM, MINAGRI, MINALOC, MINECOFIN, VK: Kunoza imikorere y'ubucuruzi bw'ibiribwa imbere mu gihugu kugira ngo ibiciro bitazamuka bitari ngombwa; hakanarebwa uburyo mu Mujyi wa Kigali, isoko ry'ibiribwa biva mu Ntara ryari ryarakorewe inyigo na RSSP, ryakubakwa vuba;
3. MINAGRI, MINALOC, MINEDUC : Kugeza gahunda ya "Girinka" mu mashuri yisumbuye, mu rwego rwo kumenyereza abana kunywa amata: ibyo bizabongerera indyo nziza kandi bibonere isoko umusaruro w'amata urenze ubushobozi bwo kuyatunganiriza mu nganda;
4. MINICOM, MINALOC: Gukangurira abayobozi b'inzego z'ibanze kwita ku iterambere ry'ubukerarugendo,bakigisha abaturage gufata neza ba mukerarugendo kubera akamaro bafitiye ubukungu bw'Igihugu;
5. MINITERE, MINAGRI, MINICOM na MINALOC: Nk'uko byakozwe ku gishanga cy'Urugezi, n'uko bikorwa ku mugezi wa Yanze kurwanya isuri yangiza imigezi ya Sebeya, Cyunyu, Kadahokwa na Rugeramigozi.

6. URUGAGA RW'ABIKORERA: Gushyiraho amategeko ngenderwaho y'imyitwarire ibaranga /Code of ethics;
7. MINAGRI, MINADEF, MINITERE MINICOM na MINECOFIN:Gukoresha imashini isya amabuye iri mu Karere ka Musanze kugira ngo haboneke "travertin" ikoreshwa mu buhinzi yongerwa mu ishwagara;
8. MINAGRI, MININTER: Gushyiraho uburyo n'ibihano byo kurwanya abanyereza ifumbire;
9. MINAGRI, MINECOFIN: Kwihutisha kurangiza inyigo z'imishinga yo kuhira imyaka (irrigation), no kuzishakira amafaranga yo kuyishyira mu bikorwa;
10. MINAGRI, MINALOC, Kongerera ubushobozi no guha ibikoresho abatekinisiye (abagoronome n'abaveterineri) bakorera mu nzego z'ibanze;
11 MINICOM: Kwihutisha ishyirwaho ry'Ikigo gishinzwe amakoperative;
12. MINAGRI: Kongera ubuhinzi bwa kawa mu Turere tw'Intara y'Iburengerazuba tuzwiho kugira umusaruro mwinshi;
13 MINECOFIN, MINICOM: Kongera muri "One Stop Centre" umukozi ushinzwe "payment point" yorohereza abashoramari kuriha serivisi ibaha n'undi ushinzwe "commercial licence point";

14. MININFRA, MINECOFIN, MINITERE, MINALOC, VK: Gushyiraho uburyo bunoze bwo kwihutisha itangwa ry'ibibanza / plots no kwiga uburyo abantu batuye ahagenwe kubakwa imidugudu bakwimurwa, n'uburyo

indishyi zatangwa, bikarangira mu gihe cyihuse

15. MINECOFIN, BNR:Kubonera Banki y'Imiturire "cheap financing" kugira ngo abantu bahembwa imishahara icirirtse bayigana, bashobore kubona inguzanyo yo kwiyubakira icumbi;
16. RIEPA, CSR, PSF (RIG):Kwihutisha uburyo isima n'ibikoresho byo kubaka no gusakara byaboneka ku giciro gihendutse;
17. MINAGRI: Kubaka inzego zisubiza ibibazo biri mu buhinzi kugira ngo umusaruro wiyongere, kandi "Agriculture" nayo igafatwa nka "industry";
18. MINITERE (OGM), MINICOM, RIEPA: Kwihutisha kugaragaza Uturere turimo amabuye y'agaciro (mapping of geological areas/cartes géologiques) no gushyiraho ibipimo (standards) bigomba gukurikizwa kugira ngo agurishwe hanze yongerewe agaciro;
19. MINECOFIN: - Kunoza imikoranire y'Ikigo cy'Ibarurisha mibare n'inzego za Leta kugira ngo hatangwe imibare imwe mu gihugu hose;
20. - Gutegura gahunda n'ingamba zo kugira u Rwanda "**a Financial Hub**";
21. MINIPRESIREP/RST&ICT: Gutegura gahunda n' ingamba zo kugira u Rwanda " **an ICT Hub**";
22. MINICOM, MININFRA, MINECOFIN: Gutegura gahunda n' ingamba zo kugira u Rwanda "**a Logistical Redistri bution Hub"**

B. Mu rwego rw'Imibereho Myiza

23. MINALOC, MININFRA, MINECOFIN, MINADEF,MININTER Gutanga uburyo bushobora gukoreshwa (different options) mu gukemura ikibazo cyo kubakira abacitse ku icumu rya jenoside n'abandi batishoboye, higwa n'uko amatafari ya "hydrofoam machines" yakoreshwa;
24. MINITERE, MININFRA, MINECOFIN: Mu gihe itegeko rigena agaciro k'ibyishyurwa (valuation law) muri "expropriation" ritarasohoka, kujya bashingira ku gaciro nyakuri kari ku isoko;
25. MIFOTRA: Kwihutisha kugaragaza "skills" zikenewe mu gihugu mu mibare no mu byiciro byazo n'icyakorwa ngo ziboneke;
26. MINEDUC:- Gushishikariza abikorera kugira uruhare runini mu burezi, haba mu bwiza haba no kububonera ibikoresho bihagije kandi bigezweho;
27. - Kongera mu nteganyanyigisho z'uburezi amasomo ajyanye no gutanga imisoro n'amahoro kugira ngo urubyiruko rubitozwe hakiri kare;
28 MINISANTE, MINICOM, RBS: Gushyiraho uburyo bwemewe n'amategeko bwo gukoresha "food supplements" no kumenya ibyo zikozemo; hakabaho kumvikana n'abazicuruza, ikirego cyatanzwe kigakurwa mu rukiko;

29. MINISANTE, MINICOM , MINIJUST: Kuvugurura Politiki n'Itegeko rigenga imikorere y'Amafarumasi; bizafasha ababishaka gukora amasaha 24/24;
30. MINISANTE, MINEDUC: Gushyiraho ingamba zo guteza imbere umwuga w'ubuganga, kongera umubare w'abaganga bakenewe, kunoza inyigisho zo mu rwego rw'ubuzima zireba imyitwarire y'abaganga;
31. MINITERE, MINAGRI, MINALOC: Kubarura ubutaka butabyazwa umusaruro cyane cyane ubw'abana b'imfubyi n'abandi batishoboye, bagafashwa kububyaza umusaruro, hibandwa cyane cyane ku bihingwa by'inge ngabukungu (ikawa, icyayi,…)

C.Mu rwego rw'Imiyoborere Myiza

32**. Serivisi za Minisitiri w'Intebe**: Gushyiraho "Perfomance Contract" zizasinywa n'Abaminisitiri, Abanyamabanga Bakuru, n'Abayobozi Bakuru b'Ibigo;
33. ABAYOBOZI MURI RUSANGE: Guhinduka mu mikorere no mu myumvire (mindset) bikagaragarira mu :
    - Kugira icyerekezo gisobanutse, imikorere ikoresha uburyo butandukanye n'uko bisanzwe (unconventional approach) no guhitamo ikibanziriza ikindi (prioritization and specialisation);
    - Kujya basubiza ababandikiye n'ababagejejeho ibibazo, bagaha abo bakorana ububasha bwo kugira ibyo basubiza bijyanye n'inshingano

zabo, kandi batasubiza mu gihe cya vuba bikabagiraho ingaruka;

- Gushyiraho uburyo bwo guhana abatakoze ibyo bagomba gukora (system of accountability);
- Gushyira ingufu mu igenzura “monitoring”;
- Gushyiraho gahunda irimo ingengabihe y’ibikorwa hagaragazwa amategeko n’ibihano biteganyijwe;
- Gukorera mu mucyo/transparency;
- Kurwanya “resistance to change” no kugira “positive attititude” ijyanye no kwemera ko ibintu bishoboka;
- Kwihutisha ibikorwa;
- Gukorera mu bwuzuzanye no guhwiturana igihe bibaye ngombwa;
- Kugira umuco wo kuvugisha ukuri no kwisubiraho igihe habayeho guteshuka ku nshingano no kugira kenshi impaka zubaka (open criticism);
- Kugendera buri gihe ku ntego zijyanye n’Icyerekezo cy’Igihugu (Vision 2020);
- Kubaka inzego no kuzimenyereza gufata ibyemezo bijyanye n’inshingano zazo;

34. MINECOFIN: Kwihutisha kwishyura abatanze serivisi mu masoko ya Leta;
35. MININFRA: Leta gutanga urugero ku nyubako zayo rwo gufata amazi y’imvura na “waste treatment system”, serivisi zayo zitarabikora zikarebera kuri MINADEF;

36. MIFOTRA, MIJESPOC, HIDA: Kwiga uburyo hajyaho ikigega kijyanye n'igenamigambi no guhuriza hamwe ibikorwa byo guteza imbere urubyiruko;
37. MIJESPOC, MINALOC: Kwandika agatabo karimo ibyiza byo gushyigikira umuco wacu n'ibyo kuvugurura bidufasha guhindura imitekerereze n'imyumvire kugira ngo dushobore kugera ku cyerekezo cya 2020 twiyemeje;
38. PRESIREP MININFRA, PSF ELECTROGAZ, VK, RBS: Gushyiraho "a National Public Works Quality Assurance and Certification Programme" kugira ngo haboneke "standards" zigomba gukurikizwa mu myubakire mu Mijyi. Izaba yamaze kujyaho mu gihe kitarenze amezi 3.

D Mu rwego rw'Ubutabera

39. MINIJUST: kwihutisha imanza z'abangiza umutungo wa Leta harimo n'amashyamba kugira ngo ingeso yo kutubaha ibikorwa bya Leta icike;
40. MINIJUST: Kwihutisha kugaruza umutungo w'abambuye Ibigo by'Imari Icirititse n'uw'abandi bose bambuwe.

Bikorewe muri Akagera Game Lodge
Kuwa 28 Gashyantare 2008.